# Ntari muri twe uwizera amahirwe cyangwa se umwaku mu bintu, cyangwa se ukora ubupfumu cyangwa se agasaba kubukorerwa, cyangwa se uroga, cyangwa se usaba kurogerwa

Hadithi yaturutse kwa Imran Ibun Huswayni (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntari muri twe uwizera amahirwe cyangwa se umwaku mu bintu, cyangwa se ukora ubupfumu cyangwa se agasaba kubukorerwa, cyangwa se uroga, cyangwa se usaba kurogerwa. N'uzafunga ipfundo n'uzajya ku mupfumu akemera ibyo amubwiye azaba ahakanye ibyahishuriwe Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)."

[Hadithi nziza] [Yakiriwe na Al Bazar]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irihanangiriza abayoboke bayo bakora bimwe muri ibi bikurikira: Icya mbere: "Ntari muri twe uwizera amahirwe cyangwa se umwaku mu bintu, inkomoko y'ibi: Ni ugufata inyoni igihe ugiye mu kazi cyangwa se ku rugendo ukayirekura ikagenda, yanyura iburyo ukabona ko uri buhirwe ukajya mu kazi cyangwa ku rugendo yanyura ibumoso ukabona ko ari umwaku ukareka kugira icyo ukora, rero ntabwo byemewe k'umuntu kuba yakora ibi abyikorera cyangwa se kuba hari uwo yasaba kubimukorera, muri igi gisobanuro kandi hinjiramo n'uwakwizera umwaku mu cyo ari cyo cyose, icy'umvwa cyangwa se ikirebwa, haba mu biguruka cyangwa se mu zindi nyamaswa, cyangwa semu bantu bafite ubumuga runaka, cyangwa se mu mibare cyangwa se mu minsi n'ibindi. Icya kabiri: "Ukora ubupfumu cyangwa se agasaba kubukorerwa"; uzavuga ko afite ubumenyi bw'ibitagaragara akoresheje inyenyeri n'ibindi, cyangwa se akaza kuri uwo wiyitirira ubwo bumenyi nk'uwo mupfumu, akemera ibyo amubwiye azaba ahakanye ibyahishuriwe Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)." Icya gatatu: "Ni umurozi cyangwa se usaba ko bamurogera"; uroga ku giti cye, cyangwa se agasaba umurozi kumurogera umuntu runaka, kugira ngo bifashe umuntu runaka cyangwa se bimugireho ingaruka, cyangwa se agapfundika amapfundo arimo uburozi, arivugiraho imitongero iziririjwe, akayahuhamo.